



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI K'UGUSHYINGO 2017

10 Ukuboza 2017

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UGUSHYINGO 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ugushyingo 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,2% mu kwezi gushize k'Ugushyingo 2017 ugereranyije n'Ugushyingo 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 3,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 2,2% mu kwezi k'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,9%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2017 n'Ugushyingo 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,6%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) ibiciro byagabanutseho 1,2%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,9%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize k'Ugushyingo 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 1,0% ugereranyije n'Ugushyingo 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 6,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,0% mu kwezi k'Ugushyingo ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 9,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 51,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) ibiciro byagabanutseho 4,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 8,0%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize k'Ugushyingo 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,6% ugereranyije n' Ugushyingo 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) byiyongereyeho 5,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,6% mu kwezi kwa cumi na kumwe 2017 ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23.5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) ibiciro byagabanutseho 3,0%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2016 kugeza m'Ugushyingo 2017.

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2016 kugeza m'Ugushyingo 2017												
	<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>												
	2016		2017										
	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	6,4	7,3	7,4	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5	3,2	3,8	3,6	2,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	10,6	13,0	14,5	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5	9,4	8,9	6,3	1,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	9,1	11,0	12,0	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1	7,2	7,1	5,3	1,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,1	0,3	-0,4	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1	0,2	1,1	1,2	-1,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	0,7	-0,5	-0,3	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1	0,9	1,9	1,5	-4,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,5	-0,2	-0,3	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0	0,6	1,5	1,4	-3,0

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR;

oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw